REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

# UKWEZI KW'UKWAKIRA 2016

10 Ugushyingo 2016

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW' UKWAKIRA 2016

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ukwakira 2016. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 7,4% mu kwezi gushize kw'Ukwakira 2016 ugereranyije n'Ukwakira 2015. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cyenda (Nzeli 2016) ryari ku kigereranyo kingana na 5,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 7,4% mu kwezi kw'Ukwakira ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 16,3%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa 1,3% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 7,9%.

Iyo ugereranyije Ukwakira 2016 n'Ukwakira 2015, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 5,3%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2016) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeli 2016) ibiciro byazamutseho 1.4%. Iri zamuka rikaba ryaratewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 4,8%.

## B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kw'Ukwakira 2016 ibiciro mu byaro byiyongereyeho 10,0% ugereranyije n'Ukwakira 2015. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cyenda (Nzeli 2016) ryari ku kigereranyo kingana na 8,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 10,0% mu kwezi kw'Ukwakira ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 16,5% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,7%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi (ukwakira 2016) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeli 2016) ibiciro byazamutseho 4,0%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 6,7% n'ibiciro by'imyambaro n'inkweto byazamutseho 1,2% .

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kw’Ukwakira 2016 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 9,1% ugereranyije n’Ukwakira 2015. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cyenda (Nzeli 2016) byiyongereyeho 7,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 9,1% mu kwezi kw’Ukwakira 2016 ni ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 16,4%, ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byazamutseho 1,5% n’ibiciro by’ibijyanye n’ubwikorezi byazamutseho 4,9%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2016) n’ukwezi kwa cyenda (Nzeli 2016) ibiciro byazamutseho 3,1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n’izamuka ry’ ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 6,3%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y’ihindagurika ry’ibiciro mu Rwanda kuva m’Ukwakira 2015 kugeza m’Ukwakira 2016.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukwakira 2015 kugeza m'Ukwakira 2016**

*ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*

| | 2015 | | | 2016 | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 2,9 | 4,8 | 4,5 | 4,5 | 4,4 | 4,6 | 4,7 | 4,6 | 5,5 | 6,9 | 6,4 | 5,8 | 7,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 6,8 | 9,0 | 8,0 | 7,7 | 7,1 | 6,5 | 4,3 | 4,3 | 6,7 | 8,3 | 8,1 | 8,3 | 10,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 5,5 | 7,5 | 6,8 | 6,6 | 6,1 | 5,8 | 4,4 | 4,4 | 6,3 | 7,8 | 7,5 | 7,4 | 9,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | -0,1 | 1,1 | -0,5 | -0,5 | 0,4 | 0,9 | 0,8 | 0,5 | 0,9 | 1,1 | 0,5 | 0,5 | 1,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 2,3 | 0,2 | -2,7 | -1,5 | 0,8 | 1,9 | 0,6 | -0,2 | 1,1 | 1,4 | 1,9 | 2,3 | 4,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 1,5 | 0,5 | -2,0 | -1,2 | 0,7 | 1,6 | 0,7 | 0,0 | 1,0 | 1,3 | 1,4 | 1,7 | 3,1 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),

P.O. BOX 6139 Kigali,

Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Director: MURANGWA Yusuf, Director General, NISR; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MANZI Sébastien, Director of Economic Statistics Department, NISR; sebastien.manzi@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR; lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw